Ingingo ya 36 : Kubarura no gushyira ibimenyetso ku ntwaro zafashwe

Intwaro zose zifashwe zitunzwe mu buryo butemewe n'amategeko zigomba kubarurwa, zigashyirwaho ibimenyetso kandi zikandikwa ahabugenewe mbere yo gutwikwa cyangwa gusenywa mu buryo ubwo ari bwo bwose.

Ingingo ya 37 : Kubarura no gushyira ibimenyetso ku ntwaro zitagikoreshwa

Intwaro zitagikoreshwa cyangwa zangiritse zirabarurwa zigashyirwaho ikimenyetso

CHAPTER IV : REGISTRATION OF AN ARM AND MARKING

Section one : Marks placed on arms

Article 35 : Serial number and other identification marks of an arm

Any arm owned or carried by licensed persons must bear a serial number and other identification marks recorded in the appropriate register of Rwanda National Police.

A Presidential Order determines where the serial number and identification marks are placed and their nature.

Article 36 : Inventory and marking of seized arms

All impounded illegally possessed arms are subject to inventory, marked and recorded in an appropriate register before they are burnt or destroyed in any manner.

Article 37 : Inventory and marking of arms no longer in use

Arms that are not in use or damaged are subject to inventory and marked as not in use

CHAPITRE IV : ENREGISTREMENT D'ARME ET MARQUAGE

Section première : Marquage des armes

Article 35 : Numéro de série et autres caractéristiques d'une arme

Toute arme détenue ou portée régulièrement doit porter un numéro de série et d'autres caractéristiques inscrits au registre approprié de la Police nationale.

Un arrêté présidentiel détermine les parties sur lesquelles sont placés ce numéro de série et ces caractéristiques ainsi que leur nature.

Article 36 : Inventaire et marquage des armes saisies

Toutes les armes détenues de façon illicite saisies doivent être soumises à l'inventaire, au marquage et à l'enregistrement dans un registre réservé à cet effet avant de procéder à toute opération de leur destruction.

Article 37 : Inventaire et marquage d'armes qui ne sont plus en usage

Les armes qui ne sont plus d'usage ou qui sont endommagées sont inventoriées,

kigaragaza ko zitagikoreshwa kandi zikandikwa ahabugenewe mbere yo gutwikwa cyangwa gusenywa mu buryo ubwo ari bwo bwose.

and recorded in the appropriate register before any destruction takes place.

enregistrées dans un registre réservé à cet effet et marquées d'un signe de mise hors usage avant de procéder à toute opération de leur destruction.

Ingingo ya 38 : Ibibujijwe ku ntwaro idafite ibimenyetso biyiranga

Nta wemerewe kubika, gutwara, gutunga no gucuruza intwaro idafite ibimenyetso biyiranga.

Article 38 : Prohibitions applicable to unmarked arm

No person is allowed to keep, carry, possess and deal in an unmarked arm.

Article 38 : Restrictions applicables à une arme sans marquage

Nul ne peut tenir en dépôt, porter, détenir et exposer en vente une arme qui n'est pas marquée.

Ingingo ya 39 : Kudashyira ibimenyetso ku ntwaro zinyuzwa mu gihugu

Intwaro zifite uruhushya rwo kunyuzwa mu gihugu ntizishyirwaho ikimenyetso.

Article 39 : Non-marking of arms in transit in the country

Arms covered by a license for transit through the country are not marked.

Article 39 : Non marquage d'armes en transit dans le pays

Les armes couvertes de permis de transit dans le pays ne sont pas soumises au marquage.

Ingingo ya 40 : Ibimenyetso bishyirwa ku ntwaro

Intwaro zose zicurwa, zigurwa cyangwa zigurishwa zigomba kugaragaraho ibi bikurikira: igihugu zakorewemo, ikirango cy'uruganda rwazikoze, umwaka zakozwemo, nomero zishyirwa ahabugenewe kandi hadashobora gusibangana n'uruganda rwazikoze.

Article 40 : Marks placed on arms

All arms manufactured, purchased or exposed for sale must bear the following particulars: the country of manufacture, the logo of the manufacturing industry, the year of manufacture, a serial number engraved into an appropriate part and the manufacturing industry.

Article 40 : Marques mises sur les armes

Toutes les armes fabriquées, acquises ou exposées en vente portent les éléments suivants : le pays de fabrication, le logo de l'usine de fabrication, l'année de fabrication, le numéro de série gravé sur une partie appropriée et l'usine de fabrication.

Icyiciro cya 2 : Iyandikisha

Ingingo ya 41 : Ishyingurwa ry'inyandiko z'intwaro

Intwaro zakozwe cyangwa zacurujwe mu buryo butemewe n'amategeko zigafatwa zandikwa ahabugenewe. Ibi bikorwa no ku ntwaro zinyuzwa cyangwa ziva mu Rwanda. Izo nyandiko zibikwa mu gihe kitari munsi y'imyaka icumi (10).

Ingingo ya 42 : Intwaro zanyujijwe mu bigo bitwara ibintu

Iyo intwaro, zinyujijwe mu bigo bitwara ibintu, ubuyobozi bw'ikigo buzakira mu nyandiko bugahita buzishyikiriza ubuyobozi bwa Polisi y'u Rwanda zikabikwa mu bubiko rusange bw'intwaro.

Kugira ngo nyirazo azihabwe yerekana ibyangombwa bivugwa mu ngingo ya munani (8) y'iri tegeko. Iyo nyirazo atazitwaye mu gihe cy'amezi atatu (3), ikigo gitwara ibintu kibimenyesha Polisi y'u Rwanda hagakurikizwa ibiteganywa n'ingingo ya 24 y'iri tegeko.

Section 2 : Registration

Article 41 : Archiving of arms documents

Seized illegally manufactured or trafficked arms are recorded in an appropriate register. The same applies to arms in transit through and exported from Rwanda. The registers are kept for a period of not less than ten (10) years.

Article 42 : Arms transported by transport agencies

Where transportation of arms is provided by transport agencies, the management of the agency acknowledges receipt of the arms in writing and immediately delivers them to Rwanda National Police authorities and they are stored in the arsenal.

The owner is required to present the documents mentioned in Article 8 of this Law in order to collect the arms. Where the owner fails to collect the arms within three (3) months, the transport company notifies Rwanda National Police for the application of provisions of Article 24 of this Law.

Section 2 : Enregistrement

Article 41 : Archivage des documents relatifs aux armes

Les armes fabriquées ou mises en vente de façon illicite et qui sont saisies sont consignées dans un registre réservé à cet effet. Il en est de même pour les armes en transit au Rwanda ou exportées du Rwanda. Ces registres sont conservés pendant une durée d'au moins dix (10) ans.

Article 42 : Armes dont le transport se fait par les agences de transport

Lorsque le transport d'armes est assuré par les agences de transport, l'administration de cette agence en accuse réception par écrit et les remet immédiatement aux autorités de la Police Nationale du Rwanda pour leur conservation dans le dépôt général.

Pour que le propriétaire les retire, il présente les documents visés à l'article 8 de la présente loi. A défaut de retrait par le propriétaire dans un délai de trois (3) mois, l'agence de transport en informe la Police Nationale du Rwanda en vue de l'application des dispositions de l'article 24 de la présente loi.

Ingingo ya 43 : Ibitabo bihoraho bibarurirwamo intwaro

Abacuruza intwaro bagira ibitabo bihoraho bibarurirwamo intwaro bafite mu iduka no mu bubiko rusange bw'intwaro.

Iteka rya Perezida rigena imiterere n'imikoreshereze y'ibyo bitabo.

Article 43 : Permanent inventory registers of arms

Arms dealers are required to have permanent inventory registers in which their arms kept in their stores and arsenal are recorded.

A Presidential Order determines the design and use of the registers.

Article 43 : Registres d'inventaire permanents d'armes

Les commerçants d'armes sont tenus d'avoir les registres d'inventaire permanents des armes se trouvant dans leurs magasins et dans le dépôt général.

Un arrêté présidentiel fixe la nature et l'usage de ces registres.

Icyiciro cya 3 : Igenzura n'ibarura

Section 3 : Control and inventory

Section 3 : Contrôle et inventaire

Ingingo ya 44 : Igenzura rikorerwa abatunze intwaro

Ufite uruhushya rwo gutunga intwaro cyangwa urwo kuyigendana ashobora guhamagazwa igihe cyose n'ababifitiye ububasha kugira ngo yemeze ko afite intwaro ivugwa kuri urwo ruhushya. Iyo basanze atayifite, ahanishwa ibihano biteganywa muri iri tegeko.

Article 44 : Control over arms holders

Any person licensed to possess or carry an arm may be summoned at any time by competent authorities in order to confirm that he/she holds the arm specified in his/her license. If the authorities find that he/she does not possess the arm, the holder is be subject to penalties provided by this Law.

Article 44 : Contrôle des détenteurs d'armes

Tout détenteur du permis de détention ou de port d'arme peut être convoqué à tout moment par les agents habilités pour confirmer qu'il possède l'arme indiquée sur son permis. S'il est constaté qu'il ne possède pas cette arme, il est passible des peines prévues par la présente loi.

Ingingo ya 45 : Uburyo bwo kugenzura, kubarura no gukoresha intwaro

Uburyo bwo kubarura, kugenzura no gukoresha intwaro zisohoka mu bubiko rusange bushyirwaho n'Iteka rya Perezida.

Article 45 : Procedures for control, inventory and use of arms

A Presidential Order determines the procedures for inventory, control and use of arms taken out of the arsenal.

Article 45 : Modalités de contrôle, de recensement et d'usage d'armes

Les modalités de recensement, de contrôle et d'usage d'armes retirées du dépôt général sont déterminées par un arrêté présidentiel.

Ingingo ya 46 : Uburyo icyemezo n'ibitabo by'ibarura bibikwa

Mu rwego rwo koroshya igenzura, icyemezo cyo gusohora, gutunga no kugurisha intwaro kibikanwa n'igitabo cy'ibarura.

Article 46 : Modalities for keeping license and inventory registers

The authorization for collection, possession and sale of arms is kept together with the inventory register in order to facilitate the control.

Article 46 : Modalités de conservation de permis et de registres d'inventaire

L'autorisation de retrait, de détention et de vente d'armes est conservée ensemble avec le registre d'inventaire aux fins de faciliter le contrôle.

Ingingo ya 47 : Ibarura ry'intwaro

Polisi y'u Rwanda ikora ibarura ry'intwaro zigenewe gucuruzwa cyangwa izitunzwe n'abantu ku giti cyabo rimwe mu mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa.

Article 47 : Arms inventory

Rwanda National Police carries out inventory of arms and ammunition meant for sale or those held by individuals once a year and whenever considered necessary.

Article 47 : Inventaire des armes

La Police Nationale du Rwanda effectue une fois l'année et chaque fois que de besoin l'inventaire des armes à feu destinées au commerce ou détenues à titre individuel.

Ingingo ya 48 : Icyemezo cy'ubuziranenge ku ntwaro

Intwaro zose zinjira, zisohoka cyangwa zikorerwa mu gihugu zigomba kuba ziherekejwe n'icyemezo cy'ubuziranenge gitangwa n'inzego zibishinzwe.

Article 48 : Quality control certificate for arms

Any incoming, outgoing arms or those locally manufactured are required to be accompanied by a quality control certificate issued by competent organs.

Article 48 : Certificat de contrôle de la qualité des armes

Toutes les armes entrant, sortant ou fabriquées au pays doivent être accompagnées d'un certificat de contrôle de la qualité délivré par les organes compétents.

UMUTWE WA V : UBUBIKO

CHAPTER V : ARSENAL

CHAPITRE V : DÉPÔT GÉNÉRAL

Ingingo ya 49 : Kubika intwaro zitagenewe gukoreshwa mu Rwanda

Intwaro zitagenewe gukoreshwa mu Rwanda zigomba gufungwa neza mu masanduku zikabikwa mu bubiko rusange. Ibiro bya gasutamo bishyira kuri ayo masanduku

Article 49 : Storage of arms not meant to be used in Rwanda

Arms which are not meant to be used in Rwanda are properly packed in boxes and stored in the arsenal. The customs office affixes seals on that package to prevent it

Article 49 : Stockage des armes dont l'usage n'est pas destiné au Rwanda

Les armes dont l'usage n'est pas destiné au Rwanda doivent être bien emballés dans des boîtes et stockés dans le dépôt général. Le bureau de douane appose sur cet emballage

ubujeni buyabuza gufungurwa, bikandikwa ku rupapuro ruzinyuza mu gihugu, kandi zikishyurirwa amafaranga ya gasutamo y'igihe zizamaramo.

from being opened and records them on the transit license and subject to payment of customs duty for the entire storage period.

le scellé interdisant toute ouverture et en fait mention sur le permis de transit, et ce stock est soumis au paiement de frais de douane pour toute la période de stockage.

Ingingo ya 50 : Intwaro zigenewe kubikwa mu bubiko rusange bw'intwaro

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 25 y'iri tegeko, kubitsa intwaro mu bubiko rusange bw'intwaro, bitangirwa uruhushya n'ubuyobozi bwa Polisi y'u Rwanda, bikamenyeshwa Minisitiri ufite Polisi y'u Rwanda mu nshingano ze.

Article 50 : Arms meant to be stored in the arsenal

Subject to the provisions of Article 25 of this Law, seeking custody of arms in the arsenal is subject to prior authorization issued by Rwanda National Police authorities and notified to the Minister in charge of Rwanda National Police.

Article 50 : Armes à conserver dans le dépôt général

Sous réserve des dispositions de l'article 25 de la présente loi, le fait de faire conserver les armes à feu dans le dépôt général est soumis à l'autorisation délivrée par les autorités de la Police Nationale du Rwanda et notifié au Ministre ayant la Police Nationale du Rwanda dans ses attributions.

Ingingo ya 51 : Kubika intwaro mu bubiko rusange bw'intwaro

Intwaro zigenewe gukoreshwa mu Rwanda, zishyirwa mu bubiko rusange bw'intwaro ari naho ziteranyirizwa, mbere y'uko zishyikirizwa nyirazo.

Article 51 : Storage of arms in the arsenal

Arms meant to be used in Rwanda are stored in the arsenal where they are assembled before delivery to the owners.

Article 51 : Mise en dépôt général d'armes

Les armes destinées à être utilisées au Rwanda sont stockées dans le dépôt général où elles sont assemblées avant d'être remises à leurs propriétaires.

Ingingo ya 52 : Imiterere y'ububiko rusange bw'intwaro

Ububiko rusange bw'intwaro, bugomba kuba bufite icyumba cyihariye cyo kuzibikamo, cyubatse muri beto, gifungishwa imiryango y'imitamenwa kandi ifungurwa mu buryo bw'ibanga.

Article 52 : Structure of the arsenal

The arsenal is required to have a separate concrete room for storage of arms with bullet proof doors and with a code to be used for unlocking.

Article 52 : Nature du dépôt général d'armes

Le dépôt général doit comporter une pièce à part construite en béton, fermée aux portes d'entrée blindées et dont l'ouverture exige un code.

Mbere yo gutangira kubika intwaro mu cyumba cyabigenewe, ubuyobozi bwa Polisi y' u Rwanda bubanza kubitangira uburenganzira nyuma yo kugenzura niba icyo cyumba cyujuje ibisabwa. Icyo cyumba kigomba kuba kirinzwe cyane.

Ingingo ya 53 : Umubare ntarengwa w'intwaro muri buri bubiko

Ubuyobozi bwa Polisi y'u Rwanda bugena umubare ntarengwa w'intwaro kuri buri bubiko rusange bw'intwaro.

Ingingo ya 54 : Abakozi b'ububiko rusange bw'intwaro

Ububiko rusange bw'intwaro bugomba kugira abakozi bahoraho babifitiye ubumenyi. Abo bakozi bagomba guhora bahugurirwa uwo murimo.

Ingingo ya 55 : Kwinjira mu bubiko rusange bw'intwaro

Uburenganzira bwo kwinjira mu bubiko rusange bw'intwaro, bugirwa gusa n'abakozi bahoraho b'ububiko rusange bw'intwaro n'abashinzwe gukora igenzura. Ubwo burenganzira kandi bushobora kugirwa n'undi wese wabyemerewe n'ubuyobozi bwa Polisi y'u Rwanda.

The storage of arms in the appropriate room is subject to prior authorization by Rwanda National Police authorities after verifying whether the room meets required conditions. The room must be under tight security.

Article 53 : Maximum quantity of arms to be stored in every arsenal

Rwanda National Police authorities determine the maximum quantity of arms to be stored in every arsenal.

Article 54 : Staff of the arsenal

The arsenal must have permanent qualified staff. The staff must be regularly trained in the field.

Article 55 : Entrance into the arsenal

Access to the arsenal is exclusively reserved for its permanent staff and those responsible for carrying out the control. The access may also be granted to any other person upon authorization by Rwanda National Police authorities.

Le dépôt d'armes dans la pièce réservée à cet effet est soumis à l'autorisation préalable des autorités de la Police Nationale du Rwanda après s'être assurées que la pièce répond aux conditions exigées. La sécurité de cette pièce doit être bien assurée.

Article 53 : Quantité maximale d'armes pour chaque dépôt général d'armes

Les autorités de la Police Nationale du Rwanda fixent la quantité maximale d'armes pour chaque dépôt général.

Article 54 : Personnel du dépôt général d'armes

Le dépôt général doit être doté d'un personnel permanent qualifié. Ce personnel doit bénéficier d'une formation régulière en la matière.

Article 55 : Accès au dépôt général d'armes

L'accès au dépôt général est exclusivement réservé à son personnel permanent et aux agents de contrôle. L'accès peut être accordé à toute autre personne moyennant autorisation des autorités de la Police Nationale du Rwanda.

Ingingo ya 56 : Uburyo gasutamo yohereza intwaro mu bubiko rusange

Intwaro zigeze muri gasutamo, zihita zoherezwa n'umukozi wa gasutamo mu bubiko rusange bw'intwaro, aho zigomba kubikwa mu buryo buteganywa n'iri tegeko.

Article 56 : Customs procedures for forwarding arms to the arsenal

Arms arriving at customs office are immediately forwarded to the arsenal by a customs officer for their storage as provided by this Law.

Article 56 : Procédures douanières pour acheminer les armes vers le dépôt général

Les armes arrivant à la douane sont acheminés immédiatement vers le dépôt général par un agent de douane en vue de stockage dans les conditions prévues par la présente loi.

Ingingo ya 57 : Uburyo bwo kuvana intwaro mu bubiko rusange

Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 13 y'iri tegeko, intwaro zicuruzwa zigomba gushyirwa mu bubiko rusange bw'intwaro. Kugira ngo zivemo, ucuruza intwaro agomba kwerekana uruhushya rubimwemerera no kwishyura amafaranga ateganywa mu ngingo ya 25 y'iri tegeko. Umuguzi agomba kuba yujuje ibisabwa mu ngingo ya 8 y'iri tegeko.

Article 57 : Procedures for collection of arms from the arsenal

Subject to the provisions of Article 13 of this Law, arms meant for sale are kept in the arsenal. To collect the arms, the arm dealer must present authorization to do so and pay fees provided in Article 25 of this Law. The purchaser must meet the conditions laid down in Article 8 of this Law.

Article 57 : Modalités de retrait d'armes du dépôt général

Sous réserve des dispositions de l'article 13 de la présente loi, les armes destinées au commerce doivent être stockées dans le dépôt général. Le retrait de ces armes se fait sur présentation par le commerçant d'armes de l'autorisation y relative et après paiement des frais fixés par le service de dépôt général. L'acheteur doit remplir les conditions définies à l'article 8 de la présente loi.

UMUTWE WA VI : UBUFASHA MU BUCURUZI BW'INTWARO

CHAPTER VI : BROKERAGE IN TRADE OF ARMS

CHAPITRE VI : COURTAGE EN MATIÈRE DE COMMERCE D'ARMES

Ingingo ya 58 : Ibisabwa aborohereza abandi mu bucuruzi.

Kugura, kugurisha cyangwa gutwara intwaro bishobora gukorwa n'abahuza abacuruzi n'abaguzi.

Article 58 : Requirements for brokers

Brokers may acquire, sell or transport arms.

Article 58 : Conditions exigées aux courtiers

L'acquisition, la vente ou le transport d'armes peuvent être effectués par des courtiers.

Kugira ngo umuntu yemererwe kuba umwe mu bahuza b'abacuruzi n'abaguzi b'intwaro, agomba kuba yanditse mu gitabo cyabugenewe mu buyobozi bwa Polisi y'u Rwanda nyuma yo kwishyura amafaranga agenwa n'Iteka rya Perezida.

Ingingo ya 59 : Uruhushya rwihariye ruhabwa aborohereza abandi mu bucuruzi

Mbere ya buri gikorwa cyo kugura, kugurisha cyangwa gutwara intwaro, uhuza umucuruzi n'umuguzi agomba kuba afite uruhushya rwihariye rwo gukora icyo gikorwa rutangwa na Minisitiri ufite Polisi y'u Rwanda mu nshingano ze. Urwo ruhushya rwihariye rugomba kandi guherekezwa n'ibi bikurikira:

1º icyemezo cy'uhagarariwe kimuha uburenganzira bwo gutumiza cyangwa kohereza mu mahanga intwaro;

2º inyandiko itanga uburenganzira bwo guhagararirwa mu gutumiza, kohereza cyangwa gutwara intwaro;

3º urutonde rugaragaza abahuza abacuruzi n'abaguzi bazitabazwa muri icyo gikorwa.

For a person to be authorized to act as arm broker, he/she is required to be registered in an appropriate register kept by Rwanda National Police authorities upon payment of fees determined by a Presidential Order.

Article 59 : Special authorization granted to brokers

A broker must, prior to any act of purchase, sale or transportation of arms, have special authorization issued by the Minister in charge of Rwanda National Police. The special authorization must also be accompanied by the following:

1º an authorization of his/her client permitting him/her to import or export arms;

2º a power of attorney permitting him/her to import, export or transport arms;

3º a list of brokers who will assist in such a transaction.

Pour être courtier en matière de commerce d'armes, il faut être inscrit au registre prévu à cet effet et tenu par les autorités de la Police Nationale du Rwanda, après versement de frais fixés par un arrêté présidentiel.

Article 59 : Autorisation spéciale délivrée aux courtiers

Le courtier est tenu, avant de procéder à tout acte d'acquisition, de vente ou de transport d'armes, d'avoir une autorisation spéciale délivrée à cet effet par le Ministre ayant la Police Nationale du Rwanda dans ses attributions. Cette autorisation spéciale est accompagnée de ce qui suit:

1º une autorisation de son client lui permettant d'importer ou d'exporter les armes ;

2º une procuration aux fins d'importer, d'exporter ou de transporter les armes;

3º une liste des courtiers qui interviendront pour cette opération.

Ingingo ya 60 : Igenzurwa ry'ibitabo byandikwamo aborohereza abandi mu bucuruzi

Polisi y'u Rwanda ikora igenzura ry'ibitabo byandikwamo aborohereza abandi mu bucuruzi bw'intwaro buri mezi atandatu (6) n'igihe cyose bibaye ngombwa.

Article 60 : Checking of registers of brokers

Rwanda National Police is required to check registers of brokers every six (6) months and whenever considered necessary.

Article 60 : Contrôle des registres des courtiers

La Police Nationale du Rwanda procède au contrôle des registres des courtiers tous les six (6) mois et chaque fois que de besoin.

UMUTWE WA VII : IFATIRA, ITWIKWA, ISENYWA RY'INTWARO N'IKOMANYIRIZWA

CHAPTER VII : SEIZURE, BURNING, DESTRUCTION OF ARMS AND EMBARGO

CHAPITRE VII : CONFISCATION, COMBUSTION, DESTRUCTION D'ARMES ET EMBARGO

Ingingo ya 61 : Ifatira, itwikwa n'isenywa ry'intwaro zinyuzwa mu Rwanda mu buryo butemewe n'amategeko

Intwaro iyo zifashwe zarakozwe, zaratumijwe cyangwa zicishwa mu Rwanda mu buryo bunyuranyije n'amategeko, zifatirwa na Leta y'u Rwanda mu gihe hagikorwa iperereza. Ni nako bigenda ku ntwaro zidafite ba nyirazo. Iyo iperereza rirangiye, izo ntwaro zishobora gutwikwa cyangwa zigasenywa mu bundi buryo ubwo ari bwo bwose.

Article 61 : Seizure, burning and destruction of arms in illegal transit in Rwanda

Illegally manufactured and imported arms found in Rwanda as well as those found to be illegally in transit in Rwanda are seized by the Government of Rwanda pending investigations. The same applies to arms without owners. Upon conclusion of the investigations, the arms may be burnt or destroyed in any manner.

Article 61 : Confiscation, combustion et destruction d'armes en transit illégal au Rwanda

Les armes illicitement fabriquées, importées ou en transit au Rwanda sont saisis par le Gouvernement du Rwanda aussi longtemps que les enquêtes sont en cours. Il en est de même pour les armes sans maître. À la fin des enquêtes, ces armes peuvent être brûlées ou détruites sous quelque forme que ce soit.

Ingingo ya 62 : Ikomanyirizwa

Birabujijwe kohereza intwaro mu bihugu byafatiwe ibihano byo gukomanyirizwa muri urwo rwego n'Akanama gashinzwe Umutekano ku Isi k'Umuryango

Article 62 : Embargo

Exportation of arms to countries under arms embargo imposed by the United Nations Security Council or other organizations of which Rwanda is a member is prohibited.

Article 62 : Embargo

Il est strictement interdit d'exporter les armes vers les pays sous embargo relatif aux armes imposé par le Conseil de Sécurité des Nations Unies ou par d'autres organisations dont le Rwanda est membre.

w'Abibumbye cyangwa n'indi Miryango ihuriweho n'Ibihugu u Rwanda rurimo.

UMUTWE WA VIII : IBYAHA N'IBIHANO

Ingingo ya 63 : Kwandarika cyangwa guta intwaro

Umuntu wese wandarika cyangwa uta intwaro aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atatu (3) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atatu (300.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 64 : Gutiza, gukodesha, kugwatiriza cyangwa gutanga intwaro

Umuntu wese utiza, ukodesha, ugwatiriza cyangwa utanga intwaro aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya Miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze Miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW).

CHAPTER VIII : OFFENCES AND PENALTIES

Article 63 : Exposure or loss of an arm

Any person who exposes or loses an arm commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) months but less than six (6) months and a fine of not less than three hundred thousand Rwandan francs (FRW 300,000) and not more than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) or only one of these penalties.

Article 64 : Lending, renting, pawning or giving away arms

Any person who lends, rents, pawns or gives away a firearm commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000).

CHAPITRE VIII : INFRACTIONS ET PEINES

Article 63 : Exposer ou perdre une arme

Quiconque expose ou perd une arme commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins trois (3) mois mais inférieure à six (6) mois et d'une amende d'au moins trois cent mille francs rwandais (300.000 FRW) mais n'excédant pas cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Article 64 : Prêter, louer, donner en gage ou distribuer une arme

Quiconque prête, loue, donne en gage ou distribue une arme commet une infraction. S'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW).

Ingingo ya 65 : Gutanga amakuru atari yo ugamije kubona uruhushya rwo gutunga no kugendana imbunda

Umuntu wese utanga amakuru atari yo agamije kubona uruhushya rwo gutunga no kugendana imbunda aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Article 65 : Providing false information with intention to obtain a license to possess and carry a firearm

Any person who provides false information with intention to obtain a license to possess and carry a firearm commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than one (1) year and a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) or only one of these penalties.

Article 65 : Fournir des fausses informations en vue d'obtenir le permis de détention et de port d'armes à feu

Quiconque fournit de fausses informations en vue d'obtenir le permis de détention et de port d'armes à feu commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1) an et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 66 : Ibikorwa bifatwa nk'ibyaha by'ubugome

Umuntu wese ukora kimwe mu bikorwa bikurikira:

1 º gukora, cyangwa gutunga intwaro zitemewe;

2 º kwinjiza cyangwa kubika intwaro zitemewe;

3 º gucuruza cyangwa gukwirakwiza intwaro zitemewe;

4 º gukoresha intwaro zitemewe;

aba akoze icyaha.

Article 66 : Acts considered as felonies

Any person who does any of the following acts:

1 º manufacturing or possession of prohibited arms;

2 º importing or storing unauthorized arms;

3 º trafficking or proliferation of prohibited arms;

4 º use of prohibited arms;

commits an offence.

Article 66 : Actes considérés comme crimes

Quiconque fait l'un des actes suivants:

1 º la fabrication ou possession d'armes interdites;

2 º l'importation ou dépôt d'armes non-autorisées;

3 º le commerce ou la prolifération d'armes interdites;

4 º l'utilisation des armes interdites ;

commet une infraction.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka makumyabiri (20) ariko kitarenze imyaka makumyabiri n'itanu (25) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni zirindwi (7.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni icumi (10.000.000 FRW).

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than twenty (20) years and not more than twenty-five (25) years and a fine of not less than seven million Rwandan francs (FRW 7,000,000) and not more than ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000).

Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins vingt (20) ans mais n'excédant pas vingt-cinq (25) ans et d'une amende d'au moins sept millions de francs rwandais (7.000.000 FRW) mais n'excédant pas dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW).

Iyo ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikozwe n'umuntu wari ufite uburenganzira bwo gukora cyangwa gutunga intwaro, ahabwa igihano cy'inyongera cyo kubwamburwa.

When the acts provided for under Paragraph One of this Article are committed by a person who holds a license to manufacture or possess arms, he/she is also liable to accessory penalty of his/her license revocation.

Lorsque les actes visés à l'alinéa premier du présent article sont commis par une personne détenant le permis de fabriquer ou de posséder une arme, elle aussi est punie d'une peine accessoire de révocation de ce permis.

Ibihano bivugwa mu gika cya kabiri (2) cy'iyi ngingo ni na byo bihabwa umuntu wese ufasha cyangwa worohereza undi gukora ibikorwa bivugwa muri iyi ngingo.

Penalties provided for under Paragraph 2 of this Article also apply to any person who supports or facilitates the commission of the acts under this Article.

Les peines visées à l'alinéa 2 du présent article s'appliquent également à quiconque facilite ou aide à la commission des actes visés au présent article.

<u>Ingingo ya 67</u> : Gusana cyangwa guhindura intwaro nta burenganzira

<u>Article 67</u> : Repairing or altering arms without a licence

<u>Article 67</u> : Réparer ou modifier les armes sans permis

Umuntu wese, utabifitiye uburenganzira, usana cyangwa uhindura intwaro, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Any person who repairs or alters arms without licence commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) or only one of these penalties.

Quiconque répare ou modifie sans permis les armes commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais

(2.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 68 : Kohereza intwaro mu karere karimo intambara cyangwa mu gihugu cyakomanyirijwe

Umuntu wese wohereza intwaro n'ibindi bijyanye na zo mu karere karimo intambara cyangwa mu gihugu cyakomanyirijwe mu by'intwaro n'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye Gashinzwe Umutekano ku Isi cyangwa n'Imiryango u Rwanda rurimo, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni mirongo itatu (30.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni mirongo itanu (50.000.000 FRW).

Iyo ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikozwe n'umuntu ufite uburenganzira bwo gucuruza intwaro, arabwamburwa, hejuru ya guhabwa ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

Article 68 : Exporting arms to a war zone or to a country under embargo

Any person who exports arms and other related materials to war zone or to a country under arm embargo imposed by the United Nations Security Council, or by organizations of which Rwanda is a member, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years and a fine of not less than thirty million Rwandan francs (FRW 30,000,000) and not more than fifty million Rwandan francs (FRW 50,000,000).

When the acts provided for under Paragraph One of this Article are committed by a person who holds a license to deal in arms, his/her license is revoked in addition to the penalties under Paragraph One of this article.

Article 68 : Exporter des armes vers une zone de guerre ou un pays sous embargo

Quiconque exporte les armes et autres matériels connexes vers une zone de guerre ou un pays sous embargo sur les armes imposé par le Conseil de Sécurité des Nations Unies ou les organisations dont le Rwanda est membre, commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins trente millions de francs rwandais (30.000.000 FRW) mais n'excédant pas cinquante millions de francs rwandais (50.000.000 FRW).

Lorsque les actes visés au premier alinéa du présent article sont commis par une personne détentrice d'un permis de vente d'armes, son permis est révoqué, en plus des peines prévues à l'alinéa premier du présent article.

Ingingo ya 69 : Gukoresha imbunda mu buryo butemewe

Umuntu wese ukoze ibikorwa bikurikira:

Article 69 : Illegal use of a firearm

Any person who does any of the following acts:

Article 69 : Utilisation illégale d'une arme à feu

Quiconque fait l'un des actes suivants :

1 º kurasa cyangwa gukoresha imbunda mu buryo ubwo ari bwo bwose bunyuranyije n'amategeko;	1º to shoot or use a firearm in any illegal manner;	1º tirer ou utiliser une arme à feu illégalement de quelque manière que ce soit ;
2 º gutera ubwoba umuntu cyangwa kwangiza umutungo ukoresheje imbunda nta mpamvu igaragara;	2º to threaten another person or destroy property with a firearm without a valid reason;	2º menacer quelqu'un ou détruire des biens avec une arme à feu sans raison valable ;
3 º gutunga umuntu imbunda nta mpamvu igaragara;	3º to point a firearm at another person without a valid reason;	3º pointer une arme à feu sur quelqu'un sans raison valable ;
aba akoze icyaha.	commits an offence.	commet une infraction.
Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.	Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years and a fine of not less than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) and not more than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) or only one of these penalties.	Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) mais n'excédant pas trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.
Aba akoze icyaha kandi uwanga kwereka ababishinzwe, imbunda, ibyangombwa byayo cyangwa uwanga kuyishyikiriza ubuyobozi bubishinzwe igihe yabitegetswe. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi ijana (100.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana abiri na mirongo itanu (250.000 FRW).	Any person who refuses to show a firearm or related documents to relevant authorities or who refuses to surrender the firearm to relevant authorities when required to do so commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than one (1) year and a fine of not less than one hundred thousand Rwandan francs (FRW100,000) and not more than two	Quiconque refuse de présenter l'arme à feu ou les documents d'identification y relatifs à l'autorité compétente, ou refuse de remettre l'arme à feu à l'autorité compétente lorsqu'elle l'exige, commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1) an et d'une amende d'au moins cent mille francs rwandais (100.000 FRW) mais

hundred and fifty thousand Rwandan francs (FRW250,000).

n'excédant pas deux cent cinquante mille francs rwandais (250.000 FRW).

<u>Ingingo ya 70</u> : Gutunga intwaro, guhindura ibimenyetso byayo, kwinjiza mu gihugu, gutunda, gucuruza, gukora cyangwa gukwirakwiza intwaro cyangwa ibice byazo

<u>Article 70</u> : Possessing an arm, alteration of its marks, importing, transporting, selling, manufacturing or distribution of arms or their parts and components

<u>Article 70</u> : Possession d'une arme, modification de ses marques, importation, transport, vente, fabrication ou distribution d'armes ou de leurs pièces et éléments

Umuntu wese utunga intwaro mu buryo bunyuranyije n'amategeko, uhindura ibimenyetso biranga intwaro mu buryo ubwo ari bwo bwose, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Any person who illegally possesses an arm or alters its identification marks in any manner whatsoever commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) or only one of these penalties.

Quiconque possède illégalement une arme ou modifie ses marques d'identification de quelque manière que ce soit commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Umuntu wese winjiza, utunda, ucuruza, ukora n'ukwirakwiza, mu buryo butemewe n'amategeko, ku buryo ubwo ari bwo bwose, intwaro cyangwa ibice byazo, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni icumi (10.000.000 FRW).

Any person who illegally and in anyway imports, transports, sells, manufactures or distributes arms or their parts and components commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years and a fine of not less than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) and not more than ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000).

Quiconque, illégalement et par quelque moyen que ce soit, importe, transporte, vend, fabrique ou distribue des armes ou leurs pièces et éléments commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais ne dépassant pas quinze (15) ans et d'une amende d'au moins cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) mais n'excédant pas dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW).

Iyo ibyaha bivugwa mu gika cya mbere n'icya kabiri (2) by'iyi ngingo bikozwe ku rwego mpuzamahanga, uwabikoze ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka cumi n'itanu (15) ariko kitarenze imyaka makumyabiri (20) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni cumi n'eshanu (15.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni makumyabiri (20.000.000 FRW).

If the offences under Paragraphs One and 2 of this Article are committed at international level, the offender is liable to imprisonment for a term of not less than fifteen (15) years and not more than twenty (20) years and a fine of not less than fifteen million Rwandan francs (FRW 15,000,000) and not more than twenty million Rwandan francs (FRW 20,000,000).

Lorsque les actes visés aux alinéas premier et 2 du présent article sont commis au niveau international, le coupable est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins quinze (15) ans mais n'excédant pas vingt (20) ans et d'une amende d'au moins quinze millions de francs rwandais (15.000.000 FRW) mais n'excédant pas vingt millions de francs rwandais (20.000.000 FRW).

<u>Ingingo ya 71</u> : Gutuma intwaro ziri mu bubiko zibwa cyangwa zangirika

Umuntu wese ushinzwe gucunga ububiko bw'intwaro, ku bw'uburangare agatuma zibwa, zangirika cyangwa zisohoka mu bubiko mu buryo bunyuranyije n'amategeko, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

<u>Article 71</u> : Causing theft or destruction of arms kept in arsenal

Any person in charge of an arsenal, who due to negligence causes theft, destruction or illegal removal of the arms from such arsenal, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than one (1) year and a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1.000.000) or only one of these penalties.

<u>Article 71</u> : Causer le vol ou la destruction des armes dans un dépôt d'armes

Quiconque en charge d'un dépôt d'armes, qui, en raison de sa négligence occasionne le vol, la destruction ou le déplacement illégal des armes de cette armurerie commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1) an et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

UMUTWE WA IX : INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 72 : Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 73 : Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Itegeko n° 33/2009 ryo ku wa 18/11/2009 ryerekeye intwaro n'izindi ngingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo bivanyweho.

Ingingo ya 74: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 13/8/2018

CHAPTER IX : FINAL PROVISIONS

Article 72 : Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.

Article 73 : Repealing provision

Law n° 33/2009 of 18/11/2009 relating to arms and all prior legal provisions inconsistent with this Law are repealed.

Article 74: Commencement

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 13/8/2018

CHAPITRE IX : DISPOSITIONS FINALES

Article 72 : Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.

Article 73 : Disposition abrogatoire

La Loi n° 33/2009 du 18/11/2009 portant régime des armes et toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 74: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 13/8/2018

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
Dr. NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
Dr. NGIRENTE Edouard
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr. NGIRENTE Edouard
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEGEKO Nº 59/2018 RYO KU WA 22/8/2018 RYEREKERANYE N'ICYAHA CY'INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE N'IBYAHA BIFITANYE ISANO NA YO

LAW Nº 59/2018 OF 22/8/2018 ON THE CRIME OF GENOCIDE IDEOLOGY AND RELATED CRIMES

LOI Nº 59/2018 DU 22/8/2018 RELATIVE AU CRIME D'IDÉOLOGIE DU GÉNOCIDE ET INFRACTIONS CONNEXES

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLES DES MATIÈRES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Ingingo ya 2: Igisobanuro cy'uruhame

UMUTWE WA II: ICYAHA CY'INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE N'IBYAHA BIFITANYE ISANO NA YO

Ingingo ya 3: Ibirebwa n'icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyaha bifitanye isano na yo

Icyiciro cya mbere: Icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside

Ingingo ya 4: Ingengabitekerezo ya jenoside

Icyiciro cya 2: Ibyaha bifitanye isano n'ingengabitekerezo ya Jenoside

Upon conviction, he/she liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000).

Article 18: Modification non autorisée de données d'un ordinateur ou d'un système informatique

Une personne qui commet sciemment un acte qui cause une modification non autorisée des données d'un ordinateur ou système informatique, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW).

Ingingo ya 19: Kumviriza mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa

Umuntu wese, abizi kandi akoresheje uburyo ubwo aribwo bwose, atabyemerewe n'amategeko, wumviriza cyangwa utuma habaho kumviriza, abikoze ku buryo butaziguye cyangwa buziguye, amakuru cyangwa igikorwa agambiriye kubona serivise ya mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa, imikorere cyangwa amakuru ya mudasobwa, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu

Article 19: Interception of computer or computer system

Any person who, knowingly and by any means, without authorisation by law, intercepts or causes to be intercepted, directly or indirectly, any function or any data for the purpose of obtaining any computer or computer system service, any function or any data held in a computer, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years and

Article 19: Interception d'un ordinateur ou d'un système informatique

Toute personne qui, sciemment et par tout moyen, sans être autorisée par la loi, intercepte ou fait intercepter, directement ou indirectement, toute fonction ou toute donnée dans le but d'obtenir tout service d'un ordinateur ou d'un système informatique, toute fonction ou toute donnée d'un ordinateur, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas

y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshatu (3.000.000 FRW).

a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000).

deux (2) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW).

Iyo kumviriza bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bireba amabanga y'Igihugu cyangwa umutekano w'Igihugu, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW).

If the interception under Paragraph One of this Article relates to State secrets, or national security, the offender is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) years and not more than five (5) years and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000).

Si l'interception prévue à l'alinéa premier du présent article est en rapport avec des secrets d'État ou la sécurité nationale, le coupable est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW).

<u>Ingingo ya 20:</u> Kwangiza cyangwa kubuza kwinjira muri mudasobwa cyangwa mu rusobe rwa mudasobwa

<u>Article 20</u>: Damaging or denying access to a computer or computer system

<u>Article 20</u>: Endommager ou refuser l'accès à un ordinateur ou au système informatique

Umuntu wese, utabiherewe ububasha n'amategeko cyangwa udafite impamvu yemewe n'amategeko, ukora igikorwa gituma habaho mu buryo butaziguye cyangwa buziguye kwangirika, kureka gukora, kubuza cyangwa kuyobya imikorere ya mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa, cyangwa ubuza kwinjira mu makuru cyangwa wangiza poroguramu cyangwa amakuru abitswe mu rusobe rwa mudasobwa, aba akoze icyaha.

Any person who, without lawful authority or lawful excuse, commits an act which causes directly or indirectly a degradation, failure, interruption or obstruction of the operation of a computer or computer system, or a denial of access to or damage of any program or data stored in the computer system, commits an offence.

Toute personne qui, sans être autorisée par la loi ou excuse légitime, commet un acte qui cause directement ou indirectement une dégradation, un échec, une interruption ou une entrave à l'exploitation d'un ordinateur ou système informatique, ou un refus d'accès ou un dommage de tout programme ou donnée stockée dans le système informatique, commet une infraction.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years and not more than five (5) years and

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas

y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW).

Ingingo ya 21: Gutanga urufunguzo banga mu buryo butemewe n'amategeko

Umuntu wese, iyo:

1° abizi agatanga urufunguzo banga cyangwa ubundi buryo ubwo aribwo bwose bwo kugera kuri poroguramu cyangwa ku makuru abitse muri mudasobwa cyangwa mu rusobe rwa mudasobwa agambiriye gukora igikorwa kitemewe n'amategeko;

2° ukora igikorwa kitemewe n'amategeko azi ko icyo gikorwa gishobora gutanga urufunguzo banga cyangwa ubundi buryo bwose bwo kwinjira mu rusobe rwa mudasobwa;

aba akoze icyaha.

Iyo ahamijwe n'urukiko kimwe mu byaha bivugwa mu gika cya mbere ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshatu (3.000.000 FRW).

a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) and not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000).

Article 21: Unauthorized disclosure of access code

Any person who:

1º knowingly, discloses any access code or any other means of gaining access to a program or data held in a computer or computer system, targets a wrongful gain;

2º performs any unlawful act knowing that such act is likely to disclose access code or any other means of gaining access to a computer system;

commits an offence.

When convicted of any of the offences referred to in Paragraph One, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not

cinq (5) ans et d'une amende d'au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais n'excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW).

Article 21: Dévoiler le code d'accès de façon non autorisée

Toute personne qui:

1° sciemment, dévoile tout code d'accès ou tout autre moyen d'accéder à un programme ou données détenus dans un ordinateur ou système informatique, en visant un gain illicite;

2° accomplit tout acte illégal sachant qu'un tel acte est susceptible de dévoile tout code d'accès ou tout autre moyen d'accéder au système informatique.

commet une infraction.

Lorsqu'elle est reconnue coupable de l'une des infractions visées à l'alinéa premier, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW)

more than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000).

mais n'excédant pas trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW).

Ingingo ya 22: Gukomeza gukoresha mu buriganya urusobe rw'ihererekana ry'amakuru rwikoresha cyangwa rutikoresha

Article 22: Continuous fraudulent use of an automated or non-automated data processing system of another person

Article 22: Utilisation frauduleuse continue d'un système de traitement de données automatisé ou non automatisé d'une autre personne

Umuntu wese, mu buryo ubwo ari bwo bwose, ukomeza gukoresha mu buriganya amakuru y'undi muntu abitse mu rusobe rw'ihererekana ry'amakuru rwikoresha cyangwa rutikoresha agamije kumenya amakuru abitsemo cyangwa arucamo, aba akoze icyaha.

Any person who, in any way whatsoever, fraudulently uses continuously another person's automated or non-automated data processing system or similar systems with intent to find out electronically stored or transmitted data, commits an offence.

Toute personne qui, de quelque manière que ce soit, utilise de manière frauduleuse et continue le système automatisé ou non automatisé de traitement de données d'une autre personne ou dans des systèmes similaires dans le but de découvrir des données stockées ou transmises électroniquement, commet une infraction.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshatu (3.000.000 FRW).

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) years and not more than five (5) years and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than three million Rwandan francs (3,000,000 FRW).

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW).

Iyo ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bitumye habaho gusiba, guhindura, kwangiza cyangwa kongera amakuru abitswe cyangwa anyuzwa mu rusobe, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya

If the acts mentioned under Paragraph One of this Article result in deletion, modification, alteration or insertion of recorded or transmitted data, the offender is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years and a fine of not less than four million Rwandan francs (FRW 4,000,000) and not

Si les actes visés à l'alinéa premier du présent article entraînent la suppression ou la modification de données enregistrées ou transmises, le coupable est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins quatre millions de francs rwandais (4.000.000 FRW) mais n'excédant

miliyoni enye (4.000.000 FRW) ariko ataranze miliyoni esheshatu (6.000.000 FRW).

more than six million Rwandan francs (FRW 6,000,000).

pas six millions de francs rwandais (6.000.000 FRW).

Ingingo ya 23: Kubuza cyangwa kuyobya amakuru abitse mu rusobe rw'ihererekana ry'amakuru rwikoresha cyangwa rutikoresha

Article 23: Preventing or misguiding the running automated or non-automated data processing system

Article 23: Empêcher ou brouiller un système automatisé ou non automatisé de traitement de données

Umuntu wese, abigambiriye, ubuza cyangwa uyobya amakuru abitse mu rusobe rw'ihererekana ry'amakuru rwikoresha cyangwa rutikoresha by'undi muntu, aba akoze icyaha.

Any person who intentionally prevents or misguides the running of automated or non-automated data processing system or other similar system of another person commits an offence.

Toute personne qui, intentionnellement, empêche ou dévoie le fonctionnement d'un système automatisé ou non automatisé de traitement de données ou d'un autre système similaire d'une autre personne commet une infraction.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshatu (3.000.000 FRW).

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than three (3) million Rwandan francs (FRW 3,000,000).

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW).

Iyo urusobe rw'ihererekana ry'amakuru rwikoresha cyangwa rutikoresha ari iby'urwego rw'umutekano rwa Leta, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW).

If the automated or non-automated data processing system or any similar system belongs to a security state organ, the offender is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years and a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) and not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000).

Si le système automatisé ou non-automatisé de traitement de données ou tout système similaire appartient à un organe de sécurité de l'État, le coupable est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins de cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais n'excédant

pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW).

Iyo urusobe rw'ihererekana ry'amakuru rwikoresha cyangwa rutikoresha biri mu bifatwa nk'ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga byihariye, uwahamwe n'icyaha ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni icumi (10.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni mirongo itatu (30.000.000 FRW).

If the automated or non-automated data processing system or any similar system is qualified as critical national information infrastructure, the offender is liable to imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years and a fine of not less than ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000) and not more than thirty million Rwandan francs (FRW 30,000,000).

Si le système automatisé ou non automatisé de traitement des données ou tout autre système similaire est qualifié d'infrastructure d'information critique, le coupable est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans et d'une amende d'au moins dix million de francs rwandais (10.000.000 FRW) mais n'excédant pas trente millions de francs rwandais (30.000.000 FRW).

Ingingo ya 24: Kwinjira mu makuru abitse muri mudasobwa cyangwa mu rusobe rwa mudasobwa

Article 24: Access to a computer or computer system data

Article 24: Accès aux données d'un ordinateur ou d'un système informatique

Umuntu wese, uhindura, ubangamira, cyangwa wivanga mu mikorere ya mudasobwa, urusobe rwa mudasobwa cyangwa mu muyoboro wa mudasobwa ashyira, anyuza, asiba, yangiza, ahindura cyangwa akuraho amakuru abitse muri mudasobwa cyangwa mu rusobe rwa mudasobwa atabifitiye uburenganzira, cyane cyane gushyira cyangwa kohereza porogaramu igamije kwangiza cyangwa kwiba, aba akoze icyaha.

Any person who alters, hinders or interferes with the functioning of a computer, a computer system or a computer network by putting, transmitting, deleting, deteriorating, altering or suppressing of computer or computer system data, electronic document, or electronic data message, without authorization to do so, including the introduction or transmission of malicious code, commits an offence.

Une personne qui altère, entrave ou interfère avec le fonctionnement d'un ordinateur, d'un système informatique ou d'un réseau informatique en mettant, transmettant, supprimant, détériorant, altérant ou supprimant des données d'un ordinateur ou d'un système informatique, des documents électroniques ou des messages de données électroniques, sans autorisation, y compris l'introduction ou la transmission de code malveillant, commet une infraction.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW).

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) years and not more than five (5) years and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000).

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins deux (2) an mais n'excédant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW).

Iyo amakuru abitse muri mudasobwa ari ay'urwego rw'umutekano rwa Leta, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW).

If the computer data belongs to a security state organ, the offender is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years and a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) and not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000).

Si les données informatiques appartiennent à un organe de sécurité de l'État, le coupable est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais n'excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW).

Iyo makuru abitse muri mudasobwa cyangwa mu urusobe rwa mudasobwa abitswe mu bikorwaremezo by'ikoranabuhanga byihariye, uwahamwe n'icyaha ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni icumi (10.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni mirongo itatu (30.000.000 FRW).

If the computer or computer system data is stored in critical national information infrastructure, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years and a fine of not less than ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000) and not more than thirty million Rwandan francs (FRW 30,000,000).

Si les données d'un ordinateur ou d'un système informatique sont qualifiées d'infrastructure d'information critique, le coupable est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans et d'une amende d'au moins dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW) mais n'excédant pas trente millions de francs rwandais (30.000.000 FRW).

Ingingo ya 25: Gukora, kugurisha, kugura, gukoresha, gutumiza mu mahanga, gukwirakwiza, gutunga mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa, cyangwa amakuru abitse muri mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa mu buryo butemewe n'amategeko

Umuntu wese ubizi, ukora, ugurisha, ugura, ukoresha, utumiza mu mahanga, ukwirakwiza, utunga mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa cyangwa, utuma haboneka amakuru cyangwa poroguramu ya mudasobwa cyagwa urusobe rwa mudasobwa cyangwa ubitunze, agambiriye gukoresha mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa cyangwa amakuru ya mudasobwa ku giti cye cyangwa kubiha undi muntu ubikoresha mu buryo butemewe n'amategeko, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko ataranze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW).

Article 25: Unlawful manufacturing, selling, buying, use, import, distribution or possession of a computer or computer system or computer or computer system data

Any person who, knowingly manufactures, sells, buys, uses, imports, distributes or possesses a computer or computer system or otherwise makes available the data or programme or computer system or possesses them, with intention to use a computer or computer system or computer data personally or make them available to another person for an unlawful purpose commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) years and not more than five (5) years and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000).

Article 25: Fabrication, vente, achat, utilisation, importation, distribution ou possession illégaux d'un ordinateur ou d'un système informatique ou des données d'un ordinateur ou d'un système informatique

Toute personne qui, sciemment, fabrique, vend, achète, utilise, importe, distribue ou possède un ordinateur ou un système informatique ou rend disponibles les données ou programme ou un système informatique ou les possède avec l'intention d'utiliser le système informatique ou les données informatiques pour lui ou les met à la disposition d'autrui de manière illégale, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW).

<u>Ingingo ya 26</u>: Kwakira cyangwa gutanga uburyo bwo kubona porogaramu cyangwa amakuru bya mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa mu buryo butemewe

Umuntu wese, iyo:

1° yakiriye akanakoresha, atanze uburyo bwo kubona porogaramu cyangwa amakuru bya mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa mu buryo butemewe;

2° yemerewe guhabwa cyangwa kubona porogaramu cyangwa amakuru ari muri mudasobwa cyangwa mu rusobe rwa mudasobwa, yakiriye akanakoresha iyo porogaramu cyangwa ayo makuru avuye ku wundi muntu azi neza ko uwo ubimuhaye yabibonye mu nzira zitemewe;

3° abonye poroguramu iyo ariyo yose cyangwa amakuru biri muri mudasobwa cyangwa mu rusobe rwa mudasobwa abibonye mu nzira zemewe, agaha iyo poroguramu cyangwa ayo amakuru undi muntu utemerewe kubona cyangwa kugira uburyo bwo kubona iyo poroguramu cyangwa ayo amakuru;

<u>Article 26</u>: Unauthorized reception or giving of access to a computer or computer system program or data

Any person who:

1° receives and uses or provides access to any program or data held in a computer or computer system without authorisation;

2° is authorized to receive or to have access to any program or data held in a computer or computer system, receives and uses them from another person knowing that the other person has obtained that program or data through unauthorized means;

3° has obtained any program or data held in a computer or computer system through authorized means and gives that program or data to another person who is not authorized to receive or have access to that program or data;

<u>Article 26:</u> Recevoir un programme ou données d'un ordinateur ou d'un système informatique ou y donner accès sans autorisation

Toute personne qui:

1° reçoit et utilise ou donne accès à tout programme ou donnée conservé dans un ordinateur ou système informatique sans autorisation;

2° est autorisé à recevoir ou à avoir accès à un programme ou à des données contenues dans un ordinateur ou système informatique, reçoit et utilise le programme ou les données en provenance d'autrui sachant que ce dernier a obtenu ce programme ou ces données par des moyens non autorisés;

3° a obtenu un programme ou des données contenus dans un ordinateur ou système informatique par des moyens autorisés et remet ce programme ou ces données à une autre personne qui n'est pas autorisée à recevoir ou à avoir accès à ce programme ou à ces données;

aba akoze icyaha.

Iyo ahamijwe n'urukiko kimwe mu byaha bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ahanishwa igifungo cy'amezi atandatu (6) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko ataranze miliyoni ebyeri (2.000.000 FRW).

commits an offence.

When convicted of any of the offences referred to in Paragraph One of this Article, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than two (2) years and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000).

commet une infraction.

Lorsqu'elle est reconnue coupable de l'une des infractions visées à l'alinéa premier du présent article, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW).

Ingingo ya 27: Iyandikisha ry'izina ndangarubuga ku buryo butemewe

Umuntu wese, iyo yiyandikishijeho izina ndangarubuga kuri murandasi mu buriganya agamije kubona inyungu, kuyobya, kwangiza ubwamamare cyangwa abujije abandi kwandikisha iryo zina, iyo iryo zina ndangarubuga:

1° risa, rimeze kimwe cyangwa riteye urujijo ku kirango cy'ubucuruzi gisanzwe cyanditswe;

2° rimeze kimwe cyangwa risa mu buryo ubwo aribwo bwose n'izina ry'undi muntu utari uwo wiyandikisha, mu gihe ari izina ry'umuntu;

Article 27: Cyber-squatting

Any person who acquires a domain name over the internet in bad faith to profit, mislead, destroy reputation, or deprive others from registering the same, if such a domain name is:

1° similar, identical, or confusingly similar to an existing registered trademark;

2° identical or in any way similar with the name of a person other than the registrant, in case of a personal name;

Article 27: Cyber-squattage

Toute personne qui acquiert un nom de domaine sur internet avec mauvaise foi pour tirer profit, induire en erreur, détruire la réputation ou priver d'autres personnes de l'enregistrer, si un tel nom de domaine est:

1° similaire, identique ou indistinctement similaire à une marque existante enregistrée;

2° identique ou similaire à celui d'une personne autre que la personne qui s'inscrit, en cas de nom personnel;

3° yaribonye nta burenganzira cyangwa atabiherewe uburenganzira na nyir'umutungo bwite mu by'ubwenge;

aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshatu (3.000.000 FRW).

Ingingo ya 28: Ibikorwa binyuranije n'amategeko mu bijyanye na porogaramu igamije kwangiza cyangwa kwiba

Umuntu wese, abigambiriye, ahuje, yakiriye, agurishije, aguze, atunze, ahaye, yamamaje cyangwa akoresheje progaramu igamije kwangiza cyangwa kwiba by'umwihariko ibi bikurikira:

1° amakuru;

2° urusobe rwa mudasobwa;

3° umuyoboro wa mudasobwa;

4° ububiko bw'amakuru;

3° acquired without authorization or with intellectual property interests in it;

commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000).

Article 28: Unlawful acts in respect of malware

Any person who intentionally assembles, obtains, sells, purchases, possesses, makes available, advertises or unlawfully and intentionally uses malware for the purposes of causing damage particularly to:

1° data;

2° a computer system;

3° a computer network;

4° a database;

3° acquis sans droit ou avec des intérêts de propriété intellectuelle;

commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW).

Article 28: Actes illégaux relatifs aux logiciels malveillants

Toute personne qui, intentionnellement, rassemble, obtient, vend, achète, possède, met à disposition, annonce ou qui illégalement utilise des logiciels malveillants aux fins de causer des dommages spécialement à:

1° des données;

2° un système informatique;

3° un réseau informatique;

4° une base de données;

5° imiyoboro y'itumanaho;	5° an electronic communications network;	5° un réseau de communications électroniques;
6° ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga byihariye;	6° a critical information infrastructure;	6° une infrastructure d'information critique;
aba akoze icyaha.	commits an offence.	commet une infraction.
Iyo ahamijwe n'urukiko kimwe mu byaha bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW).	When convicted of any of the offences referred to in Paragraph One of this Article, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than two (2) years and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000).	Lorsqu'elle est reconnue coupable de l'une des infractions visées à l'alinéa premier du présent article, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW).
<u>Icyiciro cya 2:</u> Ibyaha byerekeye umukono koranabuhanga ukozwe mu mibare no gutanga icyemezo	**<u>Section 2:</u> Offences related to digital signature and certification**	**<u>Section 2:</u> Infractions liées à la signature numérique et à la certification**
<u>Ingingo ya 29:</u> Gutanga amakuru atari yo no gukura amakuru ku cyemezo	**<u>Article 29:</u> Misrepresentation and suppression**	**<u>Article 29:</u> Fausse déclaration et suppression**
Umuntu wese, abigambiriye, utanga amakuru atari yo k'ushinzwe igenzura cyangwa k'utanga icyemezo cyangwa usiba amakuru y'ingenzi agamije kubona uruhushya cyangwa icyemezo cy'umukono koranabuhanga ukozwe mu mibare, aba akoze icyaha.	Any person who intentionally makes any misrepresentation to, or suppresses any material fact from or to the controller or the certifying authority for obtaining any license or digital signature certificate, commits an offence.	Toute personne qui fait intentionnellement une fausse déclaration ou qui supprime tout fait important de ou au contrôleur ou à l'autorité de certification pour l'obtention d'une licence ou d'un certificat de signature numérique, commet une infraction.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko ataranze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW).

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) years and not more than five (5) years and a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) and not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000).

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais n'excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW).

Ingingo ya 30: Icyemezo cy'umukono koranabuhanga ukozwe mu mibare cy'igihimbano

Article 30: False digital signature certificate

Article 30: Faux certificat de signature numérique

Umuntu wese iyo atangaje icyemezo cy'umukono koranabuhanga ukozwe mu mibare cyangwa awuhaye undi muntu azi neza ko:

Any person who publishes a digital signature certificate or otherwise make it available to any other person with the knowledge that:

Toute personne qui publie un certificat de signature numérique ou la met à la disposition d'autrui en sachant que:

1º utanga icyemezo uvugwa muri icyo cyemezo atari we wagitanze;

2º uwahawe uburenganzira uvugwa muri icyo cyemezo atigeze abwemera;

3º icyemezo cyari cyarasheshwe cyangwa cyarahagaritswe by'agateganyo, keretse uko gutangaza kugamije kugenzura umukono koranabuhanga ukozwe mu mibare wari warakozwe mbere y'iryo hagarikwa cyangwa mbere y'iryo seswa;

1° the certifying authority listed in the certificate has not issued it;

2° the subscriber listed in the certificate has not accepted it;

3° the certificate has been revoked or suspended, unless such publication is for the purpose of verifying a digital signature created prior to such suspension or revocation;

1º l'autorité de certification mentionnée dans le certificat ne l'a pas délivrée;

2º l'abonné mentionné dans le certificat ne l'a pas accepté;

3º le certificat a été révoqué ou suspendu, sauf si cette publication a pour but de vérifier une signature numérique créée avant cette suspension ou révocation;

aba akoze icyaha.

commits an offence.

commet une infraction.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1,000.000 FRW) ariko ataranze miliyoni eshatu (3.000.000 FRW).

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000).

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW).

<u>Ingingo ya 31:</u> Gukoresha mu buriganya umukono koranabuhanga ukozwe mu mibare

<u>Article 31:</u> Fraudulent use of digital signature

<u>Article 31:</u> Utilisation frauduleuse de la signature numérique

Umuntu wese ubizi uhanga, utangaza cyangwa uha undi muntu icyemezo cy'umukono koranabuhanga ukozwe mu mibare agamije kugikoresha mu buriganya cyangwa mu buryo butemewe n'amategeko aba akoze icyaha.

Any person who knowingly creates, publishes or otherwise makes available a digital signature certificate for any fraudulent or unlawful purpose, commits an offence.

Toute personne qui sciemment crée, publie ou met à disposition un certificat de signature numérique à des fins frauduleuses ou illicites, commet une infraction.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1,000.000 FRW) ariko ataranze miliyoni eshatu (3.000.000 FRW).

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not less than seven (7) years and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000).

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant par sept (7) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW).

Icyiciro cya 3: Ibyaha bijyanye na mudasobwa

Ingingo ya 32: Kwigana ibijyanye na mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa

Umuntu wese, iyo:

1° ashyize, ahinduye cyangwa asibye ibijyanye na mudasobwa, urusobe rwa mudasobwa cyangwa amakuru abitse muri mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa atabifitiye uburenganzira, bigatuma amakuru atariyo afatwa nk'amakuru y'impamo kandi atari impamo;

2° akoresheje amakuru abizi ko yavuye ku kwigana ibiranga mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa;

aba akoze icyaha.

Iyo ahamijwe n'urukiko kimwe mu byaha bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko itarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW).

Section 3: Computer-related offences

Article 32: Computer- or computer system-related forgery

Any person who:

1° inputs, alters or deletes any computer or computer system data without authorization resulting in inauthentic data with the intent that it be considered or acted upon as if it were authentic;

2° knowingly uses computer data which is the product of computer- or computer system-related forgery;

commits an offence.

When convicted of one of the offences referred to in Paragraph one of this Article, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000).

Section 3: Infractions liées à l'informatique

Article 32: Falsification en rapport avec un ordinateur ou un système informatique

Toute personne qui:

1º introduit, altère ou supprime toute donnée d'un ordinateur ou d'un système informatique sans autorisation engendrant des données non authentiques dans l'intention que ces dernières soient prises en compte comme si elles étaient authentiques;

2º utilise sciemment des données qui sont le produit d'une falsification en rapport avec un ordinateur ou un système informatique;

commet une infraction.

Lorsqu'elle est reconnue coupable de l'une des infractions visées à l'alinéa premier du présent article, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant

pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW).

Ingingo ya 33: Guhindura ibiranga igikoresho cya mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa

Umuntu wese ubizi cyangwa ubigambiriye, utari nyiri ugukora urusobe rwa mudasobwa cyangwa intumwa ye yemewe, uhindura igikoresho cya mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa cyangwa uburyo bwo kurwinjiramo, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenza imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko itarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW).

Article 33: Changing computer or computer system equipment identity

Any person who, knowingly or wilfully, while not being a manufacturer of a computer system or an authorised agent of the manufacturer, changes computer system equipment identity or the process of accessing to it, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than two (2) years and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000).

Article 33: Modification de l'identité de l'équipement d'un ordinateur ou d'un système informatique

Toute personne qui, sciemment ou volontairement, sans être un fabricant d'un système informatique ou un agent autorisé du fabricant, modifie l'identité de l'équipement du système informatique ou le processus d'accès à celui-ci, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW).

Icyiciro cya 4: Ibyaha byerekeye ireme ry'ibinyuzwa kuri mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa

Ingingo ya 34: Gushyira ahagaragara amashusho yerekeranye n'imikoreshereze y'ibitsina hakoreshejwe mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa

Umuntu wese, iyo :

1º atangaje cyangwa atumye hatangazwa amashusho cyangwa amajwi yerekeranye n'imikoreshereze y'ibitsina binyuze ku rusobe rwa mudasobwa cyangwa ubundi buryo bw'ikoranabuhanga n'itumanaho;

2º usaba, utoza cyangwa uhamagarira umwana, abinyujije muri mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa cyangwa umuyoboro uwo ariwo wose hagamijwe kumukoresha imibonano mpuzabitsina;

aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarennze miliyoni eshatu (3.000.000 FRW).

Section 4: Offences related to the content of computer and computer system

Article 34: Publication of pornographic images through a computer or a computer system

Any person who:

1° publishes or causes to be published pornography through a computer system or through any other means of information and communication technology;

2° proposes, grooms or solicits, through a computer or a computer system or any network, to meet a child for the purpose of engaging in sexual activities with the child;

commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years and not more than five (5) years and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than

Section 4: Infractions liées au contenu d'un ordinateur ou d'un système informatique

Article 34: Publication des images pornographiques à travers un ordinateur ou un système informatique

Toute personne qui:

1º publie ou fait publier de la pornographie par le biais d'un système informatique ou par tout autre moyen de la technologie de l'information et de la communication;

2º propose, prépare ou sollicite par l'intermédiaire d'un ordinateur ou d'un système informatique ou de n'importe quel réseau, de rencontrer un enfant dans le but de s'engager dans des activités sexuelles avec l'enfant ;

commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW)

three million Rwandan francs (FRW 3,000,000).

mais n'excédant pas trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW).

Iyo uwakoze icyaha yashyize ahagaragara amashusho y'umwana yerekeranye n'imikoreshereze y'ibitsina akoresheje mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa cyangwa agatuma amashusho y'umwana aboneka cyangwa agerwaho hakoreshejwe mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000Frw) ariko atarenze miliyoni eshatu (3.000.000Frw).

If the offender publishes child pornography through a computer or a computer system or makes available or facilitates the access to child pornography through a computer or a computer system, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000).

Si le coupable publie de la pornographie juvénile au moyen d'un ordinateur ou d'un système informatique ou rend disponible ou facilite l'accès à la pornographie juvénile par un ordinateur ou un système informatique, il est passible d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW).

<u>Ingingo ya 35</u>: Kubuza amahwemo hakoreshejwe mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa

<u>Article 35</u>: Cyber-stalking

<u>Article 35</u>: Cyber-harcèlement

Umuntu wese ubigambiriye, ukoresha mudasobwa cyangwa urusobe rwa mudasobwa ubuza amahwemo cyangwa, ushyira ibikangisho ku muntu cyangwa ku wundi muntu bigatuma umuntu agira umutima uhagaze cyangwa ubwoba hifashishijwe kimwe muri ibi bikorwa bikurikira iyo:

Any person who, intentionally, uses a computer or a computer system to harass or threaten with the intent to place another person in distress or fear through one of the following acts when:

